



# Guhera ubu umuntu wese ufite imyaka 5 kuzamura ashobora guhabwa urukingo rwa COVID-19 KU BUNTU!

## Inkingo za COVID-19 zirizewe kandi zikora neza.

Inkingo za COVID-19 zidufasha kuramira ubuzima bwacu busanzwe. Ibyiza byo kwikingiza biruta kure cyane ibyago byo kwandura virusi. Abantu benshi bagira ingaruka zoroheje cyangwa ziri mu rugero gusa, nko kubabara akaboko. Inkingo zifite akamaro kanini ko kurinda uburwayi bukomeye, kurwarira mu bitaro, ndetse n'impfu zitewe na COVID-19.



**Kugira ngo ubone ahatangirwa inkingo hakwegereye, sura [vaccinefinder.org](https://vaccinefinder.org).** Wakwiyandikisha kuri interineti cyangwa kuri telefoni ugahabwa gahunda. Amavuriro amwe n'amwe akingira azakwakira udafite gahunda cyangwa wiyandikishe uhageze. **Abahabwa gahunda bashobora kuba benshi cyane byihuse. Bishobora gusaba kugerageza inshuro zitari nyinshi kugira ngo ubone gahunda.**

- **Urukingo ni UBUNTU kuri buri wese.** SI NGOMBWA ko uba ufite ubwishingizi bw'ubuzima, kuba umunyamerika cyangwa umuturage w'Amerika, cyangwa kuba ufite numero y'ubwitwaganyirize. Nta makuru yawe abatanga inkingo baha abashinzwe abinjira n'abasohoka cyangwa abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko.
- Ugomba kwitwaza ikintu kiriho amazina yawe (nk'indangamuntu iriho ifoto, fagitire y'igikorwa rusange cyangwa ibaruwa iriho umukono w'umuntu uvuga ko uri uwo uvuga ko uri we).
- Niba udafite mudasobwa cyangwa interineti, saba umuntu wizeye agufashe kwiyandikisha uhabwe gahunda.
- Ushobora gukenera kumenyesha utanga inkingo niba ukeneye ubufasha mbere y'igihe (nk'ubufasha mu rurimi cyangwa igare ry'abafite ubumuga).

Niba ufite ibibazo ku rukingo rwa COVID-19, sura [coronavirus.utah.gov/vaccine](https://coronavirus.utah.gov/vaccine) cyangwa uhamagare kuri telefoni yagenewe COVID-19 **1-800-456-7707**.